*(Ibivugwa mu magambo ni byo bigenderwaho)*

**Ijambo Umucamanza Carmel Agius, Perezida w' Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha, yagejeje ku Nteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye**
**23 Ukwakira 2019**

**Bwana Perezida, ba Nyakubahwa, na mwe mwese muteraniye hano:**

Ntewe ishema cyane no kugeza ijambo ku Nteko Rusange, bwa mbere nka Perezida w'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha, mu gihe iyi Nteko iteranye kugira ngo isuzume Raporo ngarukamwaka ya karindwi ya IRMCT, ikubiyemo ibyakozwe kuva ku itariki ya 1 Nyakanga 2018 kugera ku ya 30 Kamena 2019.

Nejejwe by'umwihariko no kuba nje imbere y'iyi Nteko mu gihe iyobowe na Nyakubahwa Tijjani Muhammad-Bande ukomoka mu gihugu cya Nigeria. Ndashima cyane Nyakubahwa Perezida kuba yaratorewe kuyobora inama ya 74 y'iyi Nteko kandi mwifurije kuzuzuza inshingano ze zose muri uwo mwanya w'icyubahiro. Mbere y'uko ntangira kubagezaho ibikubiye muri raporo, ndashaka gushimira, mbikuye ku mutima, Umunyamabanga Mukuru kubera inkunga adahwema gutera IRMCT mu mirimo yayo, no kubera ubufasha IRMCT ihabwa n'Umujyanama w'Umuryango w'Abibumbye mu by'amategeko n'ubutangwa n'Ibiro bishinzwe ibirebana n'amategeko.

Reka ntangire nibutsa ko inzego zabanjirije IRMCT, ari zo Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda n'urwashyiriweho icyahoze ari Yugosilaviya, TPIR na TPIY, zashyizweho bikomotse ku bushake buhuriweho bwo guharanira amahoro, ubutabera n'ubuyobozi bugendera ku mategeko. Mu gihe cy'imyaka hafi 25, izo Nkiko zagize uruhare rwahinduye amateka mu byerekeranye no kurwanya umuco wo kudahana. IRMCT na yo ni aho yakomotse kandi ni ikimenyetso kigaragaza ko byari ngombwa kuziba icyuho mu rugamba rwo kurwanya umuco wo kudahana cyari guterwa n'isoza ry'imirimo y'izo Nkiko zombi zidahoraho, harimo no gukora ibikenewe kugira ngo abantu TPIR yakoreye Inyandiko z'ibirego batari bafatwa na bo bazaburanishwe. Ndashimira ibihugu byose bigize Umuryango w'Abibumbye n'amahanga muri rusange kubera inkunga bitahwemye gutera TPIR, TPIY na IRMCT maze igatuma, kugeza ubu, izo nzego z'inkomarume, zibasha kuzuza inshingano zahawe, ku rwego rurenze urwo amahanga yari azitezeho. Muri urwo rwego kandi, ni ngombwa gushimangira ko ari ikintu cy'ingirakamaro kuba

amahanga hamwe, by'umwihariko, n'iyi Nteko, bikomeza gutera inkunga IRMCT mu nshingano yayo ikomeye cyane.

***

**Bwana Perezida,**

Nk'uko Raporo mbagezaho ibigaragaza, ibikorwa byerekeranye n'igice kirenga kimwe cya kabiri cy'igihe kirebwa n'iyi raporo byabaye mu gihe IRMCT yayoborwaga n'Umucamanza Theodor Meron, Perezida wambanjirije kandi waranzwe n'ubuhanga n'ubwitange mu mirimo ye. Mu izina rya IRMCT, nongeye kumushimira mbikuye ku mutima. Nejejwe no kubona mu gihe cyose kirebwa n'iyi raporo, IRMCT yarateye intambwe zigaragara mu byerekeranye n'inshingano yahawe. Ndagira ngo mbizeze ariko ko ibyo bidatuma twirara mu kazi kacu. Turacyafite inzitizi nyinshi mu gihe kiri imbere ariko, nk'uko bisanzwe, nzakora ibishoboka byose kugira ngo zikemuke bidatinze kandi neza.

Ku byerekeranye n'imanza dufite ubu, kuva aho Raporo ngarukamwaka ya nyuma itangiwe muri Kanama 2018, hari ibintu bibiri by'ingenzi byabaye ngira ngo mbagezeho. Ku cyicaro cy'Ishami rya IRMCT ry'Arusha, iburanisha ryerekeranye no gusubira mu mikirize *y'Urubanza Porokireri aburana na Ngirabatware*, ryabaye kuva ku itariki ya 16 kugera ku ya 24 Nzeri 2019, ryagenze neza maze Urugereko rw'Ubujurire rusoma urubanza ku itariki ya 27 Nzeri 2019, hasigaye igihe kibarirwa mu mezi mbere y'uko itariki rwari ruteganyijwe kuba rwarangiye igera. Urugereko rw'Ubujurire rwasanze Ngirabatware ataragaragaje ko koko abatangabuhamya bisubiyeho bakavuguruza ubuhamya batanze mu rw'iremezo, bityo rwemeza ko imikirize y'urubanza mu bujurire igumaho.

N'ubwo iryo buranisha ryerekeranye no gusubira mu mikirize y'urubanza ryari irya mbere ribereye muri IRMCT, si bwo bwa mbere hari hatanzwe icyifuzo gisaba gusubira mu mikirize y'urubanza yo mu bujurire kandi si na bwo bwa nyuma. Kubera iyo mpamvu, ni ngombwa IRMCT ihabwa uburyo bukwiye kugira ngo ibashe gutanga ibyemezo kuri bene ibyo byifuzo, uko bizagenda bitangwa. Muri urwo rwego kandi, ndabibutsa igipimo gihanitse cyashyizweho mu Nyandiko y'urubanza rwerekeranye no gusubira mu mikirize y'urubanza rwa Ngirabatware, aho Urugereko rw'Ubujurire rwavuze ko "nta mpamvu ikomeye ihari, mu iburanisha ryerekeranye no gusubiramo imikirize y'urubanza, rutapfa guhindura, hashingiwe ku myitwarire umutangabuhamya yagaragaje nyuma y'imyaka irenga itanu atanze ubuhamya mu rw'iremezo, isesengura ry'ukwizerwa k'uwo mutangabumya, ryakozwe n'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo kandi rikemezwa mu bujurire"

kandi ko “usaba ari we ufite inshingano ikomeye yo kugaragaza ko imyitwarire umutangabuhamya yagize, hashize igihe kinini atanze ubuhamya mu rw’iremezo, itesha agaciro ubwo buhamya yatanze mbere”.

Icya kabiri cyabaye vuba aha ku cyicaro cy’Ishami ry’Arusha na cyo cyerekeranye na Ngirabatware. Aha ndashaka kuvuga iyemezwa ry’Inyandiko y’ibirego, yamukorewe ku byaha byo gusuzugura no guhamagarira abantu gusuzugura TPIR na IRMCT, ryabaye ku itariki ya 10 Ukwakira 2019. Porokireri arega Ngirabatware kuba yarivanze mu buhamya bw’abatangabuhamya cyangwa yarabahaye ruswa, cyangwa kuba yarahamagariye abandi bantu kubikora, kugira ngo havanweho ibyemezo byamuhamije ibyaha. Amurega kandi no kuba yaranyuranyije n’amategeko yashyiriweho kurinda umutekano w’abatangabuhamya. Ngirabatware yitabye Urukiko bwa mbere mu cyumweru gishize ku itariki ya 17 Ukwakira 2019 ahakana ibyaha aregwa, maze Porokireri atangaza ko azatanga Icyifuzo gisaba ko uru rubanza rushya rufatanywa n’urwa Turinabo na bagenzi be baregwa gusuzugura Urukiko. Icyifuzo gisaba gufatanya izo manza zombi cyatanzwe, mu nyandiko itari ibanga, bukeye bwaho, ku itariki ya 18 Ukwakira 2019. Turinabo n’abandi bantu bane baregwa hamwe na we bashinjwa kandi kuba barivanze mu buhamya bw’abatangabuhamya bagamije gutuma Ngirabatware agirwa umwere ku byaha yahamijwe. Urubanza rwa Turinabo na bagenzi be ruri mu cyiciro kibanziriza iburanisha kirimo gukorwamo ibintu byinshi. N’ubwo, kandi itariki iburanisha rizatangiraho itaremezwa (Bitewe ahanini n’uko nta Cyemezo kirafatwa ku Cyifuzo gisaba gufatanya imanza), biteganyijwe ko iburanisha rizatangira mu mezi atandatu ya mbere y’umwaka utaha maze rikarangira mbere y’impera za 2020.

Ku byerekeranye n’imirimo y’ubutabera ibera mu Ishami rya IRMCT ry’i Lahe, nejejwe no kubamenyesha ko yose ikomeje gukorwa hakurikijwe gahunda yemejwe. Mu *Rubanza Porokireri aburana na Radovan Karadžić*, ku itariki ya 20 Werurwe 2019, Urugereko rw’Ubujurire rwasomye urubanza, iyi ikaba ari indi ntambwe nini IRMCT yateye mu rwego rwo kurangiza manda yayo. Mu Cyemezo cyarwo, Urugereko rw’Ubujurire rwavanyeho, kuri bimwe, imyanzuro yari yahamije Karadžić ibyaha ku byerekeranye n’ibyabaye bimwe na bimwe maze rwemeza imyanzuro yindi imuhamya icyaha cya jenoside, ibyaha byibasiye inyokomuntu n’ibyaha by’intambara. Urugereko rw’Ubujurire, ku bwiganze bw’amajwi, rwavanyeho igihano cy’igifungo cy’imyaka 40 cyatanzwe n’Urugereko rwa Mbere rw’Iremezo maze rukatira Karadžić igihano cyo gufungwa burundu.

Ku byerekeranye no kuburanisha bundi bushya *Urubanza Porokireri aburana na Stanišić na Simatović,* Porokireri yarangije gutanga ibimenyetso bishinja maze, ku itariki ya 18 Kamena 2019, hatangira itangwa ry’ibimenyetso bishinjura ryabimburiwe n’imyanzuro yo mu ikubitiro mu

magambo y'ikipe yunganira Jovica Stanišić. Franko Simatović azatangira gutanga ibimenyetso bishinjura ku itariki ya 5 Ugushyingo 2019 kandi biteganyijwe ko urwo rubanza ruzaba rwamaze kuburanishwa no gusomwa bitarenze mu mpera z'umwaka wa 2020.

Mu *Rubanza Porokireri aburana na Ratko Mladić*, itangwa ry'Imyanzuro y'ubujurire y'ababuranyi bombi ryarangiye mu Ugushyingo 2018, ubu hakaba hategurwa iburanisha mu bujurire. Nejejwe no kubamenyesha ko, n'ubwo muri Nzeri 2018 hari abacamanza benshi basimbuwe mu bari bagize Inteko, bigiteganyijwe ko urwo rubanza rwitezwe gusomwa bitarenze mu mpera z'umwaka wa 2020.

Mu gusoza kuri iyi ngingo, mu rubanza TPIY yasigiye IRMCT, aho Petar Jojić na Vjerica Radeta baregwa icyaha cyo gusuzugura Urukiko, ku itariki ya 13 Gicurasi 2019, Umucamanza umwe rukumbi yatanze Icyemezo kivanaho Icyemezo cyo kwimurira urubanza mu nkiko za Seribiya cyari cyaratanzwe mbere. Muri Kamena, Seribiya yajuririye icyo Cyemezo, ubwo bujurire bukaba bugisuzumwa n'inteko y'Urugereko rw'Ubujurire nyoboye.

Mbere yo gukomereza ku zindi ngingo, ndashimira Abacamanza ba IRMCT kubera ubwitange bwabo, ndetse n'abakozi b'Ingereko kubera umwete mwinshi bagaragaje mu gihe kirebwa n'iyi raporo, ku byerekeranye n'imanza zimaze kuvugwa. Ndashimira kandi mbikuye ku mutima n'abandi bakozi bose ba IRMCT hamwe na Porokireri na Gerefiye kubera umurimo unoze bakomeza gukorana umurava no kubera ubwitange bwabo mu kurangiza buri munsi inshingano nyinshi bahabwa na IRMCT.

***

**Nyakubahwa Perezida,**

N'ubwo tugenda dutera intambwe ku byerekeranye no kurangiza imirimo yerekeranye n'imanza zigomba kuburanishwa zihari, ni ngombwa kuzirikana ko hari n'indi mirimo y'insigarira Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi yashinze IRMCT, izakomeza gukorwa igihe iyo y'ibanze yerekeranye n'imanza izaba irangiye. Nk'urugero, igihe cyose mu bantu bahohotewe cyangwa mu batangabuhamya bacu hazaba hakirimo abakeneye kurindirwa imutekano, IRMCT izaba igifite inshingano igomba gusohoza. Ni na ko bimeze ku byerekeranye n'inshingano zacu zo kugenzura irangizwa ry'ibihano ku bantu bakatiwe na TPIR, TPIY cyangwa IRMCT, gutera inkunga inkiko z'ibihugu, kugenzura imiburanishirize y'imanza zimuriwe mu nkiko z'ibihugu, no gusigasira no gucunga inyandiko za IRMCT n'iz'Inkiko zayibanjirije, ziri mu bushyinguranyandiko.

Imirimo yerekeranye n’irangizwa ry'ibihano, harimo n’ibibazo byerekeranye n’ibyifuzo bisaba kubabarirwa, kugabanyirizwa igihano no gufungurwa mbere y'igihe, ku bantu bakatiwe, ni ibintu by’urusobe kandi bihora bihinduka, bintwara igihe kinini n’imbaraga nyinshi. Ndibutsa ko, mbere na mbere, imirimo ya buri munsi yerekeranye n’irangizwa ry'ibihano ikorwa hashingiwe ku mategeko y’ibihugu abantu bakatiwe barangirizamo ibihano ariko, muri rusange, IRMCT ikaba ari yo ibigenzura. Bityo, ni jyewe, nka Perezida, ufata ibyemezo ku byifuzo bisaba gufungurwa mbere y’igihe, nshingiye ku mategeko no ku bukemuramanza bya IRMCT. Ku byerekeranye n’iyi ngingo, ni ngombwa kuzirikana ko, muri iki gihe, ndimo kugenda mpindura uburyo nzajya nsuzuma ibyifuzo nk’ibyo, aha nkaba ntavuga ibyerekeranye n’ibigenderwaho mu rwego rw’amategeko, kubera nyine ko byo bizakomeza kuba bimwe, ahubwo nkaba mvuga uburyo nzajya nkurikiza n’amakuru nzajya nkusanya nkanayashingiraho.

Intego yanjye, ni ugukora ku buryo ibyo bintu bikorwa mu mucyo kandi ku mugaragaro. Ibyo binsaba kungurana inama n’abandi Bacamanza n’abafatanyabikorwa bo hanze ya IRMCT, kimwe no gukusanya amakuru ahamye nzajya nshingiraho maze ngafata icyemezo mfite impamvu nyayo nshingiyeho, harimo n’ibyerekeranye no gutuma uwakatiwe agaruka mu nzira nziza kubera ko, hashingiwe ku Mategeko Agenga Imiburanishirize n’Itangwa ry’Ibimenyetso ya IRMC, icyo ari kimwe mu bintu bigomba kwitabwaho. Ku byerekeranye n’ibi, nsanga ari ngombwa gukomeza no kurushaho kungurana ibitekerezo, aho bikwiye, n’amatsinda y’abantu bakorewe ibyaha, abagize sosiyete sivire hamwe n’abayobozi, ku rwego rw’igihugu, b’u Rwanda n’ab’Icyahoze ari Yugosilaviya.

**Nyakubahwa Perezida,**

Muri aka kanya, ndagira ngo mvuge ku ngingo y’ingenzi yerekeranye n’ubufatanye hagati ya IRMCT n’ibihugu bigize Umuryango w’Abibumbye. Mbere na mbere, ndashaka gushimira, mbikuye ku mutima, ibihugu byose bigize Umuryango w’Abibumbye bimaze imyaka biha IRMCT inkunga y’ingirakamaro mu gikorwa cyo kurangiza ibihano, ku bantu bakatiwe na TPIR, TPIY cyangwa IRMCT. Muri iki gihe, abantu bakatiwe 50 barimo kurangiriza igihano mu bihugu byemeye kubakira. Turabashimira cyane iyo nkunga mudutera mutizigamye muri urwo rwego. Nshimishijwe no kubamenyesha ko, nyuma y’aho ntangiye Raporo yanjye yanditse, hari abandi bantu babiri bakatiwe IRMCT yashoboye kwimurira mu bihugu bigize Umuryango w’Abibumbye kugira ngo babirangirizemo igihano. Ubu muri Gereza y’Umuryango w’Abibumbye i Lahe,

hasigaye abantu babiri bategereje kwimurirwa mu bihugu bazarangirizamo igihano, naho muri Gereza y'Umuryango w'Abibumbye Arusha hasigaye umuntu mwe utegereje kuburanishwa.

Ahandi hantu IRMCT igikeneye ubufatanye bw'ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye kugira ngo ishobore kurangiza imwe mu nshingano z'ingenzi yahawe muri manda yayo, ni ku byerekeranye no gushakisha no gufata abantu bose barezwe na TPIR batarafatwa. Porokireri Serge Brammertz n'abagize ikipe ye ubu barimo gukora bashishikaye kugira ngo bashobore kumenya aho abo bantu bari, IRMCT ikaba yiteguye kubaburanisha. Cyakora, abo bantu bazashyikirizwa ubutabera ari uko gusa ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye bifatanyije na IRMCT uko bikwiye kandi bigafata ingamba zigamije gutuma bafatwa. Porokireri yavuze ko hari umwe muri abo bantu bagishakishwa ubarizwa muri Afurika y'Epfo ariko ikibaje ni uko abayobozi b'icyo gihugu batarubahiriza ibikubiye mu rwandiko rwo kumufata IRMCT yatanze. Nsabye nkomeje buri gihugu mu bigize Umuryango w'Abibumbye kurangiza inshingano gifite mu rwego rw'amategeko mpuzamahanga maze kigafatanya na Porokireri, mu buryo bwuzuye, muri urwo rwego.

Nk'uko mwabisomye muri Raporo ngarukamwaka, inkunga yanyu iranakenewe mu rwego rwo gukemura ikibazo kitakwihanganirwa cy'abantu icyenda, bari Arusha, bagizwe abere cyangwa barangije ibihano bari barakatiwe na TPIR ariko ubu bakaba badashobora gusubira mu bihugu bafitemo ubwenegihugu cyangwa bafite ubwoba bwo gusubirayo. N'ubwo mu gihe kirebwa n'iyi Raporo hari umuntu umwe washoboye kwimurirwa mu kindi gihugu, kugira ngo IRMCT ishobore kubonera igisubizo kirambye ikibazo cy'abo bantu icyenda basigaye, ikeneye cyane ubufatanye n'inkunga by'ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye, nk'uko n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye yabisabye. Uko ibintu bimeze muri iki gihe, bibangamiye cyane uburenganzira bw'abo bantu. Kuba abo bantu bakwimurirwa mu bindi bihugu binyuze mu nzira zikwiye maze bagashobora kongera gushaka uko babaho, ni ikintu cy'ingenzi cyane ku byerekeranye n'isura ya IRMCT ndetse n'iy'Umuryango w'Abibumbye muri rusange.

***

**Nyakubahwa Perezida,**

Nishimiye kubagezaho ko, mu rwego rwo gutsura ubufatanye no kurushaho gukoresha neza uburyo buhari, IRMCT yibanze ku guhuza imikorere n'imigenzereze hagati y'Ishami ry'Arusha n'iry'i Lahe. Nshimishijwe no kubabwira ko, kuva muri Kanama ubwo IRMCT yatangaga Raporo yayo yanditse, twateye intambwe ishimishije. Ikintu cy'ingenzi cyane mu byo twagezeho, ni ishyirwaho ry'ububiko bwa eregitoronike bw'inyandiko zerekeranye n'imanza buhuriweho, ku buryo ubu

Amashami yombi ya IRMCT akoresha uburyo bumwe mu gutanga inyandiko, ibyo bikaba bituma imbaraga n'ibikorwa birushaho guhurizwa hamwe. Mbere y'uko uyu mwaka urangira, byitezwe ko imirimo yo kwimurira inyandiko muri ubwo bubiko izaba yarangiye maze inyandiko zose zikubiyemo ubukemuramanza bwa TPIR, TPIY na IRMCT zikazaba ziboneka muri ubwo bubiko bwa eregitoronike buhuriweho, haba ku bakozi ba IRMCT no kuri rubanda muri rusange.

Byongeye kandi, ku Ishami rya IRMCT ry'Arusha, mu Ishami ry'Ibiro bya Gerefiye rishinzwe iby'amategeko, hashyizweho Agashami kihariye gashinzwe inyandiko zerekeranye n'imanza n'ibikorwa by'Urukiko. Ako gashami, kimwe n'akandi nk'ako gasanzwe kariho i Lahe, gashinzwe ibikorwa by'Urukiko no gusuzuma, gucunga no gutanga inyandiko zerekeranye n'imanza. Muri urwo rwego kandi, Ibiro bya Gerefiye birimo gushyiraho amabwiriza ngenderwaho n'uburyo bw'imikorere mu byerekeranye no gucunga imirimo y'Urukiko n'itangwa ry'inyandiko, bishingiye ku mikorere myiza ngenderwaho ku Mashami yombi ya IRMCT. Nagira ngo mvuge ko, mu kwezi gushize, mu rubanza rwa Ngirabatware, abakozi b'Ibiro bya Gerefiye bo ku Mashami yombi bafatanyije maze bagakora ku buryo imirimo y'iburanisha ryerekeranye no gusubiramo imikirize y'urwo rubanza igenda neza. Mu byakozwe harimo gutizanya abakozi no guhana amahugurwa ku bakozi, hagamijwe gukoresha neza ubumenyi n'ubumenyingiro bihari.

N'ubwo twageze kuri ibyo bintu bishya byiza cyane ariko, ntituzatezuka mu guharanira kurushaho gukoresha neza uburyo buhari. Muri urwo rwego, ndabasaba kuzirikana ingengo y'imari y'umwaka wa 2020 twasabye, mu by'ukuri ikaba ari nto cyane ugereranyije n'akazi kagihari kagomba gukorwa. Ndagira ngo mbabwire ko umwaka utaha IRMCT izaba ifite ibintu byinshi cyane byo gukora, kubera ko hari imanza nini nibura ebyiri byitezwe ko izasoma, hakaba hari n'igice kinini cy'imirimo yerekeranye n'imanza kigomba gusozwa. Kugira ngo IRMCT ishobore kugera kuri iyo ntego kandi yirinde ko habaho gukererwa, izakenera imari, abakozi n'indi nkunga iyo ari yo yose mushobora kuyitera. Bityo rero, ingengo y'imari twasabye uyu mwaka ni ingenzi kandi, niramuka yemejwe, izatuma nyuma y'umwaka wa 2020 IRMCT isigara ari urwego rukomeje inshingano zarwo ariko rukoresha umutungo muke.

**Nyakubahwa Perezida,**

Tugarutse ku byagezweho n'Inkiko mpuzamahanga zidahoraho, na IRMCT imaze igihe gito ishyizweho, ndasanga ari ngombwa ko mbabwira ukuntu mpa agaciro urwo rugendo rwatangiye mu mwaka wa 1993, nkaba naragize amahirwe atagereranywa yo kurugiramo uruhare. Cyakora, nshobora kumva impungenge zijya zibaho rimwe na rimwe, iyo ibihugu byibaza niba umusaruro

w'ubutabera mpanabyaha mpuzamahanga ujyanye n'ingufu zikoreshwa muri urwo rwego ndetse n'amafaranga abutangwaho. Byongeye kandi, nzi ko, cyane cyane muri iki gihe, hari bimwe mu bihugu bigize Umuryango w'Abibumbye bisa n'ibyamaze kurambirwa ibyerekeranye n'ubutabera mpanabyaha mpuzamahanga, ndetse niba bitaranabutereye icyizere bikaba bisigaye bibunnyega. Iyo mitekerereze yabyo ndayumva n'ubwo ntemeranya na yo. Cyakora, ndangira ngo ntinyuke mbabwire ko igihe n'umutungo dukoresha dushakisha ubutabera mpanabyaha mpuzamahanga atari imfabusa kandi ko ari uko bizahora bimeze. Byongeye kandi, numva amahame, imikorere n'amategeko byashyizweho na TPIR, TPIY, IRMCT, Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga n'izindi nkiko nyinshi zakurikiyeho, ari ibintu bidahungabanywa n'ibihe. Mu by'ukuri, ndumva bizakomeza kubaho n'igihe twe twese tuzaba tutakiriho. Nsanga icyo ari ikintu gikomeye kandi gishimishije Umuryango w'Abibumbye wagezeho muri rusange, kubera ko izo nzego zagize uruhare mu gutuma zimwe mu ntego z'ibanze z'Umuryango w'Abibumbye, zirimo no kurwanya umuco wo kudahana abantu bakoze ibyaha bikomeye, zigerwaho.

Ibyo ariko ntibisobanuye ko ibintu byose ari byiza ijana ku ijana. Oya rwose si byo. Sinshidikanya ahubwo ko mu muryango mpuzamahanga uwo ari wo wose, imikorere inoze ishobora kurushaho gutunganywa. Cyakora, guhagarika urugendo rw'ubutabera mpanabyaha mpuzamahanga magingo aya, byaba ari ugutenguha abantu bakorewe ibyaha, gutiza umurindi ababitsotsoba no gutezuka ku bintu amahanga yiyemeje, mu rwego rwo kubaka isi igendera ku mategeko no gukora ku buryo abakoze ibyaha babiryozwa. Kubera izo mpamvu zose, mbasabye nkomeje gukomeza gutera inkunga IRMCT kimwe n'izindi nkiko mpuzamahanga, uko bishoboka kose, haba ubu no mu gihe kizaza, kugira ngo twese hamwe dushobore gukomeza gusigasira indangagaciro zatumye hashyirwaho Umuryango w'Abibumbye, ejo uzaba umaze imyaka 74 ushinzwe.

Mu gusoza, munyemerere maze, mu izina ry'abakozi ba IRMCT bose, nshimire Amareta yanyu kubera inkunga mwagiye mutera urwo Rwego kugera ubu, nanababwire ko twizeye ko muzaduha uburyo bw'inyongera dukeneye kugira ngo dushobore gukomeza gusohoza manda yacu mu buryo buboneye kandi bunoze.

Murakoze.